Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("IRMCT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY) nizimara kurangiza manda yazo ruzazisimbure ku byerekeranye n'ububasha, imirimo y'ingenzi, uburenganzira n'inshingano zari zifite.

IFISHE Y'AMAKURU KU RUBANZA

Kugeza ubu, abantu umunani barezwe na TPIR kubera uruhare rwabo muri jenoside yakorewe mu Rwanda mu mwaka wa 1994 ntibarafatwa. Hateganyijwe ko IRMCT izaburanisha abaregwa batatu bakurikira: Augustin Bizimana, Félicien Kabuga na Protais Mpiranya. Abandi batanu ari bo Fulgence Kayishema, Charles Sikubwabo, Aloys Ndimbati, Ryandikayo na Phénéas Munyarugarama, imanza zabo zoherejwe mu Rwanda. Ladislas Ntaganzwa, na we washakishwaga kandi urubanza rwe rukaba rwaroherejwe mu Rwanda, yafatiwe muri Kongo ku itariki ya 9 Ukuboza 2015.

MICT-12-23

USHAKISHWA - FULGENCE KAYISHEMA

Fulgence Kayishema yari umugenzacyaha muri Komine ya Kivumu muri Perefegitura ya Kibuye, Rwanda, mu gihe ibyaha bivugwa mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga.

Umwaka yavutsemo n'aho yavukiye	1961, Komine ya Kivumu, Perefegitura ya Kibuye, Rwanda
Inyandiko y'ibirego	Inyandiko y'ibirego igenderwaho yatanzwe ku itariki ya 5 Nyakanga 2001
Aho urubanza rugeze	Arashakishwa kuva ku itariki ya 5 Nyakanga 2001

AMAKURU Y'IBANZE KU RUBANZA

INYANDIKO Y'IBIREGO

Fulgence Kayishema yarezwe muri TPIR icyaha cya jenoside, kuba icyitso cy'abakoze jenoside, ubwumvikane bugamije gukora jenoside n'itsembatsemba nk'icyaha cyibasiye inyokomuntu byakorewe muri Komine ya Kivumu, Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda hagati y'itariki ya 6 n'iya 20 Mata 1994; muri icyo gihe akaba yari umugenzacyaha muri ako gace.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwa ko Kayishema ashinjwa kwica Abatutsi cyangwa kubateza ububabare buzahaza umubiri cyangwa mu mutwe cyangwa, ibyo byaramuka bitamuhamye, kuba icyitso cy'ababikoze, ku itariki ya 6 n'iya 20 Mata 1994 cyangwa hagati y'ayo matariki, muri Komine Kivumu, muri Perefegitura ya Kibuye, agamije kubarimbura bose cyangwa igice cyabo, bazira ubwoko bwabo. Mu Nyandiko y'ibirego havugwa kandi ko Kayishema, hamwe n'abandi bantu, bumvikanye kugira ngo bakore jenoside ku itariki ya 6 Mata n'iya 20 Mata 1994 cyangwa hagati y'ayo matariki, muri Komine ya Kivumu, Perefegitura ya Kibuye, bica abantu bo mu bwoko bw'Abatutsi cyangwa babateza ububabare bubazahaza umubiri cyangwa mu mutwe bagamije kurimbura abo bantu bose cyangwa igice cyabo.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwa kandi ko, ku itariki ya 15 Mata 1994 cyangwa hafi yayo, Kayishema yategetse cyangwa yacuze umugambi, yashyigikiye kandi agashishikariza isenywa rya Kiriziya ya Nyange, muri Komine ya Kivumu, yarimo Abatutsi barenga 2000 babuze uko basohokamo bagapfiramo. Mu Nyandiko y'ibirego havugwa ko, iyo kiriziya imaze gusenywa, abenshi mu

Batutsi bo muri Komine Kivumu bishwe, ku buryo muri Nyakanga 1994, nta muntu uzwiho kuba Umututsi wari ukibarizwa muri iyo komine.

Mu Nyandiko y'ibirego, ashinjwa ibyaha bivugwa mu birego bikurikira:

Ikirego kimwe cya Jenoside (Ikirego cya 1)

Ikirego kimwe cyo Kuba icyitso cy'abakoze jenoside (Ikirego cya 2)

Ikirego kimwe cy'Ubwumvikane bugamije gukora jenoside (Ikirego cya 3)

Ikirego kimwe cy'Ibyaha byibasiye inyokomuntu
- Itsembatsemba (Ikirego cya 4)

KWIMURIRA URUBANZA MU RWANDA

Ku itariki ya 22 Gashyantare 2012, Urugereko rwa TPIR rusuzuma icyifuzo gisaba kohereza urubanza ahandi rwategetse ko urubanza rwa Fulgence Kayishema rwoherezwa muri Repubulika y'u Rwanda.

Ku itariki ya 7 Gicurasi 2014, umucamanza umwe rukumbi, Vagn Joensen, yasohoye urwandiko rwo gufata Kayishema n'itegeko ryo kumwimura bisaba ibihugu byose bigize Umuryango w'Abibumye kumushakisha, kumufata no kumwoherereza Ubushinjacyaha Bukuru bwa Repubulika y'u Rwanda.

Nk'uko biteganywa mu Cyemezo cya 1966 (2010) cy'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye, ibihugu byose bifite inshingano yo gufatanya na IRMCT mu gushakisha abaregwa bagishakishwa, kubafata, kubafunga, kubimura no kubashyikiriza inkiko zigomba kubaburanisha.

Ukeneye amakuru arambuye kurushaho wasura urubuga rwa interinete rwa IRMCT www.irmct.org.
Ibibazo by'itangazamakuru byoherezwa kuri imeyiri mict-press@un.org.